**Eastern and Southern African Small Scale Farmers' Forum (ESAFF)**
**&**
**ESAFF RWANDA**
(PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT AU RWANDA (APPPE)

**Inyandiko ihinnye ku ngengo y'imari y'ubuhinzi no.i/2016**






# *Isesengura Ry'ingengo Y'imari Y'ubuhinzi Mu Rwanda*

## INGENGO Y'IMARI TWIFUZA 2016/17

INGAMBA YAFATWA: KOKO AMAFARANGA MENSHI AJYE KU BIKORWA BISANZWE NAHO IBIKORWA BY'ITERAMBERE BIHABWE MACYE?

# 1. INTANGIRIRO

Icyerekezo cy'U Rwanda mu mwaka wa 2020 ni politiki y'ibanze mu bukungu n'imibereho myiza y'abaturage igenderwaho mu gukora izindi politiki n'ingamba zose z'Igihugu. Iki cyerekezo gisobanura neza ko kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi nk'imwe mu nkingi 6 zo kubaka ubukungu bushingiye ku bintu byinshi binyuranye, busangiwe na bose kandi bubasha guhangana bunatera imbere ku buryo bwihuse.

Icyerekezo 2020 kigamije guhindura ubukungu bw'U Rwanda binyuze mu izamuka ryihuse ryabwo no mu kugabanya ubukene ku buryo bufatika. Mu mwaka wa 2020, byitezwe ko Igihugu kizaba kibarirwa mu bihugu bifite ubukungu buciriritse aho umusaruro mbumbe ku muturage uzaba ugera ku madolari y'Amerika 1240 uvuye ku madolari y'Amerika 240 mu mwaka wa 2000.

Ubuhinzi ni urwego rwitaweho cyane, aho ingufu zishyirwa cyane mu guhindura ubuhinzi bukava ku buhinzi bwa gakondo bw'amaramuko bukaba ubuhinzi bw'ubucuruzi binyuze mu kongera ishoramari. Ikigereranyo giteganijwe cy'ubwiyongere bw'ubuhinzi ku mwaka cyasubiwemo gishyirwa kuri 8.5% ku mwaka. Muri rusange hagati 'umwaka wa 2001 na 2012, ubukungu bw'U Rwanda bwabaye bwiza ku buryo bugaragara. Muri iyo myaka ubukungu ububariye ku musaruro mbumbe ku muturage bwazamutse ku mpuzandengo ya 8% buri mwaka. Iri terambere ry'ubukungu rikomeye ryaherekejwe n'iterambere ry'ibipimo by'imibereho myiza y'abaturage, kugera ku ntego z'ikinyagihumbi, iterambere ryihuse ku miririre y'ingo no kugabanuka k'ubukene ku baturage bwavuye kuri 59% muri 2001 bukagera kuri 45% muri 2011.

Ubuhinzi bwabaye kimwe mu by'ingenzi byatumye intego z'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage zigerwaho, ndetse no gukura mu bukene ingo nyinshi zo mu cyaro. N'ubwo uruhare rw'ubuhinzi mu musaruro rusange w'igihugu rwagiye rugabanuka muri iyi myaka ishize, kuva kuri 37.3% kugera kuri 31.2 %, uru rwego rwakomeje kuba inkingi ikomeye y'ubukungu bw'U Rwanda binyuze mu gutanga akazi no kongera ubukungu bw'ingo nyinshi mu gihugu (Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurisha mibare-NISR, 2013).

Urugero: uru rwego rw'ubuhinzi rwazanye 28% by'izamuka rusange ry'ubukungu na hafi 45% z'impinduka mu kurwanya ubukene kuva muri 2001 kugeza muri 2011 (raporo y'umwaka ya MINAGRI, 2013-2014). Ibi kandi bigaragararira mu ngengo y'imari igenerwa ubuhinzi idasiba kwiyongera mu mibare, bityo ubuhinzi bukaba mubyo Leta y'U Rwanda ishyize imbere kurusha ibindi. Gahunda y'ingengo y'imari y'imyaka ihera muri 2015/16 ikagera muri 2017/18 yerekana politiki y'ubukungu n'uko ifaranga rizaba ryifashe muri iyo myaka itatu. Iyi nyadiko yerekana kandi igashyigikira ibyo Guverinoma y'U Rwanda yiyemeje nk'uko bikubiye muri gahunda y'Imbatura bukungu ya kabiri (EDPRS 2), no mu Cyerekezo cya 2020.

Ikigaragara ni uko muri iki gihe ubukungu bw'imbere mu Guhugu bumeze neza n'ubwo imbogamizi zitabura. Ibiciro by'ibyoherezwa mu mahanga bishobora kuzagira ingaruka mbi ku byo U Rwanda rwohereza mu mahanga. Ihereye kuri iyo gahunda y'ingengo y'imari y'imyaka itatu, Mnisiteri y'Imari n'igena migambi itegura Ingengo y'imari ya buri mwaka ikayishyikiriza Inteko ishinga amategeko kugirango iyemeze.

Muri uyu mwaka wa 2015/16, Guverinoma y'U Rwanda yeteganije gukoresha ingengo y'imari ingana Rwf 1,768.2 billion (2,380,770,662 USD), kandi izishakamo ubwayo 66% by'ayo mafaranga iyavanye mu byinjiza amafaranga by'imbere mu gihugu. Ibikorwa remezo nibyo bifata umugabane munini kuko byagenewe agera kuri miliyari 298.1 Frw (401,372,989 USD) ahwanye na 16.8% mu gihe ubuhinzi bwo bwagenewe miliyari 120.6 Frw (162,380,350 USD) ahwanye na 6.8% by'ingengo y'imari yose y'uyu mwaka. Ingengo y'imari y'uyu mwaka wa 2015/2016 yemejwe n'Inteko ishinga amategeko y'U Rwanda ku itariki ya 26/6.2015.

Twibutseko muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, Leta y'U Rwanda yahisemo gushyira imbere ibikorwa remezo bigamije guhindura ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Muri iyi nyandiko ihinnye tugamije gusesengura ingengo y'imari igenerwa ubuhinzi mu rwego rwo guteza imbere isaranganya ry'umutungo hagamijwe kurwanya ibura ry'ibiribwa n'ubukene mu Rwanda.

### 1.1 **Aho amakuru yifashishijwe yaturutse**

Amakuru yakoreshejwe muri iyi nyankiko yavuye muri raporo za Leta nka Minisiteri y'Imari n'igenamigambi (MINECOFIN)/Ijambo rya Minisitiri ageza ingengo y'imari ku bagize Inteko Ishinga amategeko y'U Rwanda kuwa 25/6/2015, gahunda y'ingengo y'imari y'imyaka ya 2015/16, 2014/15, raporo z'umwaka za MIisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi (MINAGRI), imyaka ya 2009/2010, 2010/2011, 2011/2012, 2012/2013 and 2013/2014, Itangazo rya Malabo, na CAADP 2. Hifashishijwe kandi n'izindi nyandiko zirebana n'isesengura ry'ingengo y'imari y'U Rwanda zakozwe n'izindi nzego cg ibigo. Amakuru menshi yakuwe ku rubuga nkoranyambaga rwa MINECOFIN (www.minecofin.gv.rw).

### 1.2. **Impamvu y'iyi nyandiko**

Iyi nyandiko yakozwe kugirango itange amakuru, ubumenyi n'amatsiko ku bahinzi bato, abagize inteko ishinga amategeko, abikorera ku giti cyabo n'imiryango itari iya Leta ikora mu huhinzi, n'abaturage muri rusange ku miterere y'ingengo y'imari mu buhinzi hagamijwe guteza imbere isaranganya ryiza mu bice bigize ubuzima bw'igihugu mu rwego rwo kurwanya ibura ry'ibiribwa no kurwanya ubukene.

## 2. IBYEMEZO BYO GUHINDURA UBUHINZI: NI UKURI SE ?

Mu myaka itanu ishize, Guverinoma y'U Rwanda yakomeje kuzamura ingengo y'imari igenerwa ubuhinzi hagamijwe kongera umusaruro, gukemura ikibazo cy'ibura ry'ibiribwa n'ubukene ndetse no kwihutisha iterambere ry'ubukungu.

### 2.1. ***MINAGRI nk'indorerwamo ry'ingengo y'imari y'ubuhinzi: Ese U Rwanda rushyiramo 10% by'ingengo y'imari yose ya buri mwaka?***

Ikigaragara ni uko ingengo y'imari yagenewe MINAGRI mu myaka irindwi ishize iri munsi ya 10% by'ingengo y'imari yose y'igihugu ya buri mwaka (2009/10 kugeza 2015/16). Ibi ariko ntibivuguruza raporo zerekana ko U Rwanda rugenera ubuhinzi arenze 10% y'ingengo y'imari ya buri mwaka. Ahubwo impamvu ni uko amafaranga ajya mu buhinzi yose atanyuzwa cg ngo acungwe na MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho. Hakurikizwa ibyiciro bine binini bya EDPRS 2 mu kugena ayo mafaranga).

***Dusanga ariko byaba byiza kurushaho ayo mafaranga y'ingengo y'imari y'ubuhinzi yose anyujijwe muri MINAGRI ku mpamvu z'ihuzabikorwa mu buhinzi.***



Gahunda y'ishoramari mu buhinzi ya kabiri (ASIP II) yerekana neza ibikenewe mu guteza imbere ibyihutirwa kurusha ibindi, uko ishoramari ryakorwa, uko abafatanyabikorwa bakorana hagamijwe kugera ku ntego zashyizweho no kemenyekanisha amakuru ku birimo gukorwa mu buhinzi. Nyuma yo kwesa imihigo y'ikiciro cya mbere cya CAADP binyuze muri Gahunda yo kuvugurura ubuhinzi ya kabiri (PSTA II: 2008-2012), MINAGRI yatangije PSTA III (2013-2017) igamije gukomeza kuvugurura ubuhinzi binyuze ku guteza imbere uruhererekane rw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi no kongera uruhare rw'abikorera ku giti cyabo.


Gahunda Nyafurika y'Iterambere ry'Ubuhinzi (CAADP) mu bipimo ikurikirana, harimo n'uburyo amafaranga ya za Leta ashorwa mu buhinzi aho ibihugu bishyirwa mu byiciro hakurikijwe uburyo bwemeranijweho bwo gusobanura ubuhinzi mu buryo bwaguye. Mu buryo bwaguye mu buhinzi habarirwamo ibihingwa, ubworozi, ubworozi n'uburobyi bw'amafi n'amashyamba. Ubwo buryo bwaguye bukurikiza ubw'Umuryango w'Abibumbye bwitwa COFOG mu magambo ahinnye y'Icyongereza (UN classification of Functions of Government). Hakurikijwe ubu buryo bwa COFOG, usanga amafaranga yagenewe ubuhinzi mu Rwanda asaga 10% by'ingengo y'imari yose ya buri mwaka guhera muri 2010.

**Imbonerahamwe 1: Ingengo y'imari yagenewe MINAGRI (muri za Miliyoni za Frw)**

| Ikigo | 2009/10 | 2010/11 | 2011/1 | 2012/13 | 2013/14 | 2014/15 (ayari ateganijwe) | 2015/16 (ayari ateganijwe) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| MINAGRI n'ibigo biyishamikiye + 3 SPIUs | 54,848 | 63,360 | 64,116 | 79,158 | 103,935 | 90,299 | 115,762 |
| Ingengo y'imari yose y'Igihugu | 1,166,090 | 1,427,2 35 | 1,592,100 | 2,066,395 | 2,284,910 | 1,762.3 | 1,881.7 |
| Ijanisha ry'ayahawe MINAGRI n'ibigo biyishamikiye + 3 SPIUs | 4.7% | 4.4% | 4.0% | 3.8% | 4.5% | 5.1% | 6.1% |

Aho amakuru yaturutse: Agricultural Public Expenditure Review (MINI-PER) in MINAGRI, Annual Report 2013/2014 and BFP 2015-2016

Ishusho 1: Ikigereranyo cy'ingengo y'imari y'iguhugu n'ihabwa MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho




Aho amakuru yaturutse: Agricultural Public Expenditure Review (MINI-PER) in MINAGRI, Annual Report 2013/2014 and BFP 2015-2016


**Ubusobanuro bw'amabara:**

- Umutuku: Ingemngo y'imari yose y'igihugu mu mwaka
- Ubururu: Ingengo y'imari ya MINAGRI, ibigo biyishamikiyeno na 3 SPIUs

Ikigararazwa n'iyi shusho ni uko muri rusange uko umwaka utashye ingengo y'imari igenerwa MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho mu mibare yagiye yiyongera gahoro. Ariko ubwiyongere bwayo ntibujyana neza n'ubwiyongere bw'ingengo y'imari rusange y'iguhugu ya buri mwaka mu myaka 7 ishize. Uko bimeze kose bigaragaza ubushake buhoraho bwa Leta y'U Rwanda bwo gushyigikira ubuhinzi hatezwa imbere icyaro harimo n'imihanda yo mu cyaro ituma umusaruro w'ubuhinzi urushaho kugira akamaro no kwiyongera.

Ubu bwiyongere bw'ingengo y'imari mu buhinzi inyuzwa muri MINAGRI butajyana n'uko ingengo y'imari yose y'igihugu ya buri mwaka iba yiyongeye, bisobanura impamvu ijanisha ry'iyo ngengo y'imari rikomeza kuba hasi (ntirirarenga 7%) n'ubwo nyamara mu mibare usanga igenda yiyongera buri mwaka. Reba ishusho rikurikira uko ribyerekana.

**Ishusho 2: Ijanisha ry'ingengo y'imari ya MINAGRI kuva muri 2009 kugera muri 2017**





Aho amakuru yaturutse: Agricultural Public Expenditure Review (MINI-PER) in MINAGRI, Annual Report 2013/2014 and BFP 2015-2016



Iyi shusho igaragaza ko ijanisha ry'ingengo y'imari yagenewe MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho yagiye igabanuka kuva muri 2009kugera muri 2013. Nyuma yongeye kuzamuka ku buryo izaba 6.8% muri 2016/17. Mu gihe ingaruka nziza zo kongera buri mwaka imari mu buhinzi zakagombye kuba ubwiyongere bw'umusaruro w'ubuhinzi, ishusho ikurikira iratwereka ko buri mwaka umusaruro w'ubuhinzi utagiye wiyongera uko wakagombye

**Ishusho 3: Ubwiyongere bw'umusasruro w'ubuhinzi kuva 2009 kugera 2014**




**Ubusobanuro bw'amabara:**


- Umutuku: ijanisha rito ry'ubwiyongere bwa buri mwaka bw'umusaruro w'ubuhinzi risabwa na CAADP
- Ubururu: Ubwiyongere bw'umusaruro w'ubuhinzi buri mwaka m Rwanda

Iyi shusho iratwereka ko mu Rwanda, ubwiyingere bw'umusaruro w'ubuhinzi buri mwaka bwagumye hasi ya 6% uretse mu mwaka wa 2011/2012. Ubwiyonegere bw'uwo musaruro bwari buteganijwe muri 2015 ni 5.2% naho muri 2016 ni 5.3% (Budget Framework Paper 2015/2016-2017/2018). Twakwibutsa ko muri uriya mwaka wa 2011/2012 ariho MINAGRI yavuguriye inzego zayo hajyaho ibigo bya RAB na NAEB byahuje ibigo byinshi byakoraga bitatanye muri minisiteri imwe).

## 2.2 Igereranya ry'ingengo y'imari isanzwe n'iy'iteramabere mu buhinzi

Igereranya ry ingengo y'imari yagenewe imirimo isanzwe n'iyagenewe ibikorwa by'iterambere muri minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi ni igipimo cyiza cyerekana uburyo iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi ryitaweho. Nk'uko ishusho ikurikira ibyerekana, **ibikorwa by'iterambere mu buhinzi bigenerwa amafranga menshi kurusha agenerwa imirimo isanzwe muri minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi**

**Ishusho 4: Ingengo y'imari isanzwe n'iy'itermabere muri MINAGRI**





**Ubusobanuro bw'amabara:**

- Umutuku: Ingengo y'imari isanzwe
- Ubururu: Ingengo y'imari y'iterambere

Bigaragazwa n'iyi shusho ko ingengo y'imari yagenewe ibikorwa byo guteza imbere ubuhinzi iruta kure cyane igenerwa imirimo isanzwe. Ibi binagaragwa kandi n'uburyo MINAGRI buri mwaka igenda ikoresha amafaranga arenze ayo yari yagarenewe kubera ibikorwa byinshi bikorwa mu uguhindura ubuhinzi mu Rwanda. Mu mwaka wa 2013/2014 yakoresheje




124.3% by'ingengo y'imari yari yagenewe mu bikorwa by'iterambere ry'ubuhinzi na 101.2% by'ingengo y'imari isanzwe. Mu mwaka wa 2012/2013, ibikorwa by'itermabere byatwaye 116% by'ayari ateganijwe naho ayakoreshejwe mu ngengo y'imari isanzwe yari 99% y'ayateganijwe. Muri 2011/2012, imirimo isanzwe yatwaye 99% y'ayari ateganijwe mu gihe ibikorwa by'iterambere byatwaye agera kuri 126.3% by'ayari ateganijwe. Mu mwaka wa 2010/2011, imirimo isanzwe yatwaye 96% y'amafaranga yari yarateganijwe naho ibikorwa by'itermabere ry'ubuhinzi byatwaye agera kuri 144% by'ayari ateganijwe. Naho muri 2009/2010, imirimo isanzwe yatwaye 90.2% by'ayari ateganijwe naho ibikorwa by'itermabere byatwaye agera kuri 90.6%by'ayari ateganijwe.

## 3. INKOMOKO Y'INGEGO Y'IMARI: AMAFARANGA AVA HEHE?

***Ishusho 5: Atangwa na guverinoma ugereranije n'atangwa n'abaterankunga***





Nk'uko bigaragazwa n'iyi shusho ya 5, mu buhinzi amafaranga akomoka hanze aruta kure akomoka imbere mu gihugu. Aya mafaranga akomoka hanze ashorwa mu mushinga y'iterambere kandi itwara amafaranga menshi. Ariko rero nk'uko umugani w'ikinyarwanda ubivuga ngo "ak'imihana kaza imvura ihise", ukanareba uko ubukungu bw'isi bugenda buhindagurika cyane cyane muri ibi bihugu byateye imbere ari nabyo bidutera inkunga, **ni ngombwa ko U Rwanda ruzamura urugero rw'amafaranga ashorwa bu buhinzi akomotse imbere mu gihugu**.

# 4. ESE IBYITABWAHO KURUSHA IBINDI MU KUGENA INGENGO Y'IMARI Y'UBUHINZI NI IBIHE?

### *4.1 Ibyitwaho cyane biba bifite akamaro kurusha ibindi?*

Ingengo y'imari ihabwa MINAGRI ikubiye mu bice by'ingenzi bikurikira: (1) Ubuyobozi, (2) Iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi, (3) Ubushakashatsi n'iyamamaza buhinzi no guhindura ubuhinzi umwuga, (4) Guteza imbere amashami/uruhererekane rw'ibihingwa n'ubworozi byinjiza amafaranga kurusha ibindi, n'ishiramari ry'abikorera ku giti cyabo, (5) Gushyigikira inzego. Andi mafaranga ahabwa ibigo bishamikiye kuri MINAGRI aribyo RAB na NAEB. Dufashe urugero rwo mu mwaaka wa 2013/2014, isaranganya ry'ingengo y'imari ryari riteye ritya (reba ishusho 6):

**Ishusho 6: Ibice by'ingenzi byashowemo imari muri MINAGRI**




Muri uyu mwaka wa ingengo y'imari y'ubuhinzi urebeye mu nkingi z'ingenzi za EDPRS 2 irag-era kuri 105,607,552,936 Frw ahwanye na 5.970% by'ingengo y'imari yose y'igihugu. Ariko iyi ngengo y'imari yaje kuzamurwa igera kuri 120. 6 miliyari Frw (6.8%). Ariko n'ubundi us-anga akiri macye ku yakagombye gushirwamo. Haracyari akazi k'ubuvugizi kugirango ingengo y'imari igenerwa MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho yiyongere. Ishusho ikurikira irabyerekana.

**Imbonerahamwe 2: Ingengo y'imarti yagenewe ubihinzi binyuze mu Nkigi za EDPRS 2**


| Inkingi za EDPRS 2 | Amafaranga yose hamwe | Amafaranga yegenewe ubuhinzi | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Guhindura ubukungu | 413,557,624,726 | 27,757,647,410 | 6.712 |
| Iterambere ry'icyaro | 227,926,463,826 | 77,647,302,523 | 34.067 |
| Kongera umusaruro n'akazi ku rubyiruko | 152,040,104,041 | 168,103,003 | 0.111 |
| Imiyoborere myiza | 89,014,167,968 | 12,500,000 | 0.014 |
| Ibigize umusingi w'iterambere | 645,547,420,840 | 22,000,000 | 0.003 |
| Gushyigikira imikorere | 240,759,733,855 | 0 | 0.000 |
| IGITERANYO | 1,768,845,515,256 | 105,607,552,936 | 5.970 |



N'ubwo iyi ngengo y'imari yaje kuzamurwa ikagera kuri 120.6 miliyari z'amafaranga y'U Rwanda, ijanisha riracyari rito (6.8%) ugereranije na 10% yakagombye kujya mu buhinzi.

Ni ngombwa ko nanone tureba ku bintu birindwi twahisemo bigera vuba ku bahinzi uburyo byashowemo amafaranga. Ibyo ni (i) Imbuto nziza, (ii) Amafumbire mvaruganda, (iii) Ubushakashatsi, (iv) Iyamamazabuhinzi, (v) iterambere rya za koperative n'imiryango y'abahinzi, (vi) Girinka Munyarwanda, (vii) Inkongoro ku mwana. Iyo urebye usanga ingengo y'imari yagenewe ibyo bintu byose birindwi twe dusanga ari ingenzi ku muhinzi, itarenze 12% by'ingengo y'imari yose ya MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho nk'uko bigarara mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 7: Ingengo y'imari ihita igera ku bahinzi bato**




**Ibi bintu birindwi twabihisemo nk'ibihita bifasha abahinzi cyane mu kazi kabo hagamijwe kongera umusaruro. Nyamara byose hamwe ubiteranije ntibigera kuri 12% by'ingengo y'imari yose ya minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi n'ibigo biyishamikiyeho**.

Tutiyibagije akamaro k'ishoramari mu bikorwa remezo mu buhinzi nko kurwanya isuri, kubaka ingomero zo kuhira ibihingwa, ibigegabyo guhunikamo binyuranye, ibi bintu birindwi twahisemo bifasha abahinzi vuba kandi bya hafi bifite akamaro kanini mu gufasha abahinzi bato kuba abanyamwuga bityo ni ngombwa ko byongererwa ingengo y'imari.

### *4.2 Ibijyanye n'abahinzi bato, urubyiruko n'abagore mu ngengo y'imari y'ubuhinzi mu mwaka wa 2015/2016*

N'ubwo buri mwaka hakorwa ichegeranyo cy'uko uburinganire bwifashe kugira ngo bwitabweho mu kugena ingengo y'imari, by'umwihariko mu buhinzi, nta ngengo y'imari wabona yihariye ku bagore. Ni nako bimeze ku rubyiruko kuko nta ngengo y'imari yihariye ireba urubyiruko mu buhinzi, uretse mu nkingi ya EDPRS 2 y'iterambere ry'icyaro aho usanga amafaranga make (0.042%) angana na 95,100,000 Frw yagenewe urubyiruko. **Gusa nta busobanuro niba ayo mafaranga azakoreshwa mu bikorwa by'ubuhinzi bukorwa n'urubyiruko**.

Ku bijyanye n'abahinzi bato, nta mwihariko wabo uri mu ngengo y'imari nk'uko n'iki cyiciro kitateganijwemo. Uretse ko abahinzi bo mu Rwanda hafi ya bose wabafata nk'abahinzi bato, ni ngombwa ko nabo bajya batekerezwaho by'umwihariko cyane cyane aho guhuza ubutaka bitaragerwaho (cyane cyane nko ku bihingwa bitarajya muri gahunda y'iterambere ry'ibihingwa: CIP) ndetse n'aho za koperative zitaratera imbere ku buryo zafasha abo bahinzi bato kwibumbira hamwe. Muri gahunda y'iteramere ry'uruhererekane rw'ibihingwa cg

ubworozi bizana inyungu kurusha ibindi (value chain), ingufu nyinshi zishyirwa ku bikorera ku giti cyabo, bityo birashoboka ko abahinzi bato bakwibagirana kandi bakiri benshi mu buhinzi ndetse banafite uruhare runini mu kugeza ibiribwa ku masoko y'imbere mo gihugu.

## 5. IBYIFUZO KU NGENGO Y'IMARI TWIFUZA MURI 2016/2017 NO HIRYA YAHO

(i) Ingengo y'imari yo mu buhinzi ntigaragaza neza ibyiciro byihariye nk'urubyiruko, abagore, n'abahinzi bato. Ingengo y'imari y'ubuhinzi yakagombye kugaragaza uburyo ibyo byiciro nabyo bizitabwaho muri gahunda z'uterambere ry'ubuhinzi.

(ii) Ku bijyanye na gahunda Nyafurika y'Iterambere ry'Ubuhinzi (CAADP), U Rwanda rwiyemejwe gushyira byibuze 10% by'ingengo y'imari y'umwaka mu buhinzi, kandi ko umusaruro w'ubuhinzi ugomba kwiyongeraho byibuze 6% buri mwaka. N'ubwo iyo ufashe ubuhinzi muri rusange 10% by'ingengo y'imari y'umwaka U Rwanda rwabigezeho, ingengo y'imari igenerwa MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho iracyari munsi ya 6%, uretse mu mwaka wa 2015/2016 hateganijwe 6.8%. Ubwiyongere bw'umusaruro w'ubuhinzi nabwo buracyari hasi ya 6% ku mwaka. Niyo mpamvu dusaba ko ingengo y'imari igenerwa MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho yagombye kwiyongera ikanakoreshwa neza kugira ngo umusaruro wiyongere kurushaho ugere byibuze kuri 6% buri mwaka.

(iii) Ingengo y'imari yagenewe (i) Imbuto nziza, (ii) Amafumbire mvaruganda, (iii) Ubushakashatsi, (iv) Iyamamazabuhinzi, (v) iterambere rya za koperative n'imiryango y'abahinzi, (vi) Girinka Munyarwanda, (vii) Inkongoro ku mwana yose hamwe ntirenga 12% by'ingengo y'imari yose ya MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho. **By'umwihariko MINAGRI yakagombye kongera ingenego y'imari igenerwa ubushakashatsi n'iyamamaza buhinzi kugira ngo hatangwe icyizere cy'uko ibyagezweho mu buhinzi bizaramba kandi umusasruro ukarushaho kwiyongera**.

(iv) **Ubushakashatsi n'iyamamaza buhinzi byakagombye kugenerwa byibuze 5 % y'ingengo y'imari ya MINAGRI. Bityo umubare w'abahinzi bagera kuri 3 731 ku mugoronome umwe, n'ingo zigera kuri 117 ku mujyanama w'ubuhinzi** (uteranije ba agoronome, abafasha myumvire n'abajyanama b'ubuhinzi ) ubashe **kugabanuka ugere ku bahinzi 3,000 kuri agoronome umwe n'ingo 100 ku mujyanama w'ubuhinzi umwe**.

(v) Uburyo MINAGRI irenza ingengo y'imari iyigenerwa buri mwaka ni ikibazo cyerekana koko ko hari byinshi by'ingenzi bikenewe mu kuzamura ubuhinzi mu Rwanda kandi bisaba amafaranga menshi. MINECOFIN yakagombye kongera ingengo y'imari mu buhinzi igenerwa ibikorwa by'iterambere kugirango ibyihutirwa mu buhinzi bishobore gukorwa, bityo ubukene bugabanuke cyane cyane mu cyaro.

(vi) Guteza imbere ishora mari ry'abikorera mu buhinzi biracyari ingorabahizi. Leta yonyine biragoye kugira ngo igere ku biteganijwe mu iterambere ry'ubuhinzi n'ubwo hari abaterankunga bayifasha. MINAGRI igomba gukomeza kureshya abikorera kugira ngo bashore imari mu buhinzi, kunoza amasoko atuma umu-

saruro wiyongera no kuyakuriraho imbogamizi zashobora kuyabangamira. Ibi ni ngombwa kugira ngo gahunda nziza zinyuranye z'iterambere ry'ubuhinzi zirambe.

(vii) Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa neza kurushaho EDPRS 2 ku nyungu zirenze n'ikiciro cy'ubuhinzi, no kongera ishoramari ry'abikorera mu buhinzi, MINAGRI ikwiye kurushaho gukora ihuzabikorwa no gukorana cyane n'izindi nzego nk' Ikigo cy'Igiuhugu cy'iterambere (RDB), Minisiteri y'Imari n'Igena migambi (MINECOFIN), Minisiteri y'ibikorwa remezo (MININFRA), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'igihugu (MINALOC), na Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda (MINICOM).

(viii) Ingengo y'imari igenerwa MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho yakagombye kumenyeshwa abahinzi mu ururimi rw'Ikinyarwanda kugirango barusheho kugira uruhare mu gushyira mu bikorwa ibyateganijwe mu buhinzi, babigire ibyabo kandi baharanire kugera ku ntego bu mishinga y'ubuhinzi ikorerwa ku nzego z'ibanze.

(ix) Amahoro yakwa abahinzi agamije kwita ku bikorwa remezo ni ingenzi kandi usanga abahinzi nta kibazo bayafiteho nko mu bishanga. Ariko amahoro yakwa mu masoko y'imbere mu gihugu afitwe n'abikorera, igihe abahinzi bajgiye kugurisha imisaruro yabo usanga aremereye abahinzi bato. Ni ngombwa ko inzego z'ibanze zanoza itangwa ry'ayo mahoro ku buryo abahinzi bato babigiramo uruhare kugira ngo ibyifuzo byabo byitabweho.

(x) Inama Isuzuma Ubuhinzi ku rwego rw'igihugu (JSR) yari yarifuje ko abahinzi bato bajya bahagararirwa binyuze mu miryango yabo. Ariko ntibitabira izo nama kandi ari ingenzi nk'uko abakozi ba MINAGRI twavuganye babibona. Uretse rimwe na rimwe urugaga IMBARAGA nirwo rujya ruzizamo. Ni ngombwa rero ko hashakwa uburyo abahinzi bato barushaho guhagararirwa muri izo nama z'ingirakamaro mu iterambere ry'ubuhinzi.






## KU BIJYANYE NA ESAFF

ESAFF ni Ihuriro ry'abahinzi bato ryongerera ubushobozi abahinzi nbato kugirango bave mu bukene, mu kutishobora no mu nzara ribinyujije mu guharanira ko politiki n'ingengo z'imari z'ubuhinzi zahinduka mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo. ESAFF ikora ikurikirana ry'imikorere yo mu mucyo no kumeneyesha abaturage ibibakorerwa (PSAM) kugirango ingengo y'imari y'ubuhinzi yiyongere kandi ikoreshwe neza inatange umusaruro binyujijwe mu kongera uruhare rw'abahinzi bato mu iteganya bikorwa, kugena ingengo y'imari n'ikurikirana ry'ibyagezweho mu Turere 32 two muri Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo.

Abanyamuryango ba ESAFF ni: Burundi (ESAFF Burundi), DRC – FOPAC, Kenya – KESSFF, Lesotho – ESAFF Lesotho, Madagascar – CPM, Malawi – NASFAM, Seychelles – SEYFA, South Africa – ESAFF South Africa, Swaziland – CIEAS, Rwanda – ESAFF Rwanda/APPPE, Tanzania – MVIWATA, Uganda – ESAFF Uganda, Zambia – ESAFF Zambia, Zimbabwe - ZIMSOFF

## KU BIJYANYE N'IYI NYANDIKO IHINNYE KU NGENGO Y'IMARI Y'UBUHINZI

Iyi nyandiko yatewe inkunga n'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi (EU), na Oxfam Novib, Bread for the World na Trust Africa. Yanditwe na Bwana Vincent Sinduhunga (sinduvic2001@gmail.com), Yanogejwe na Rachel Muyoboke, Jean Nsenginyumva, bose bagendeye ku bushobozi bwabo Ibitekerezo biri muri iyi nyandiko si umwimerere wa ESAFF n'abanyamuryango bayo kandi si ngombwa ko ariko bo ubwabo babibona cg Abaternakunga babo babibona.

*Ku makuru arambuye kuri ubu buryo inzego za Leta zimenyesha abaturage ibyo bakorerwa, soma agatabo ka ESAFF kavuga ku ukwiyeregereza abafata ibyemezo, ubuvugizi n'ubukangurambaga*

TRUSTAFRICA

*www.esaff.org*